# ABESAMIHIGO BA KAMONYI NEWSLETTER

**MAY 2024**

## ABAKOZI B'AKARERE BIBUTSE BAGENZI BABO BAKORERAGA AMAKOMINI

Ku cyicaro cy'Akarere i Gihinga, tariki 31.05.2024 habereye igikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, by'umwihariko abakozi b'Akarere bibutse bagenzi babo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bakoreraga ibyahoze ari Komini Runda, Musambira, Taba, Rutobwe, Kayenzi na Mugina.

Gahunda yaranzwe n'ubutumwa bunyuze mu ndirimbo, ubutumwa bw'abayobozi, ubuhamya hanatanzwe kandi ikiganiro ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bagejejweho na bwana Rutsinga Jacques.

Umushyitsi mukuru yari Hon. Depite Rwaka Pierre Claver, Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, VM ushinzwe ubukungu, abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere, Abahoze muri komite nyobozi y'Akarere ka Kamonyi, Abafatanyabikorwa b'Akarere, inshuti n'abavandimwe kwifatanya n'abakozi b'Akarere ka Kamonyi kwibuka bagenzi babo bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.













## HIZIHIJWE UMUNSI W'IKIGO FATHER RAMON KABUGA TSS

Tariki 24 Gicurasi 2024, mu Kigo cy'Amashuri cy'imyuga n'ubumenyingiro Father Ramon Runda TSS habereye umunsi ngarukamwaka w'ikigo, ibi birori buri gihe bikaba bihuzwa no kwibuka Padiri Ramon washinze iki kigo mu 1997 akazana n'ibindi bikorwa by'iterambere muri aka Kagari ka Kabuga mu Murenge wa Ngamba.



Igikorwa cyabimburiwe no gutaha ivomero ry'amazi meza ndetse n'ikiraro byubatswe n'umufatanyabikorwa PDK. Ibi bikorwa byombi byahawe umugisha na Nyicyubahiro Musenyeri Simaragde Mbonyintege yari kumwe na Masoeur Milagros Sanz umuyobozi wa PDK N'Umuyobozi w'Umurenge bwana MUNYAKAZI Epimaque.




Umuyobozi w'Akarere yashimiye uruhare rwa Kiriziya Gaturika mu kwita ku burezi n'uburere bifite ireme ndetse no gufasha umuryango nyarwanda muri rusange gutera imbere. Yavuze ko nk'Akarere bazakomeza gukora ibishoboka byose kugira ngo uburezi Kiriziya gaturika yagizemo uruhare ndetse n'andi mashuri muri rusange akomeze gufasha abana b'u Rwanda kwiga neza.



Musenyeri uri mu kiruhuko cy'Izabukuru Nyiricyubahiro Mbonyintege Smaragde avuga ko aterwa ishema n'ibikorwa bakora kandi ko nka Kiriziys bazakomeza mu murongo wo kogeza ivanjiri no gufatanya na Leta mu bikorwa biteza imbere abaturage.



## HAKOZWE INAMA Y'UMUTEKANO YAGUYE Y'AKARERE







Tariki ya 30 Gicurasi 2024 ku gicamunsi ku Karere habereye inama y'umutekano yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere.

Muri iyi nama hagarutswe ku myiteguro y'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite ateganyijwe kuwa 15 Nyakanga 2024 iki kiganiro kikaba cyatanzwe na Mme Higiro Solange ushinzwe ibikorwa by'amatora mu Turere twa Kamonyi na Muhanga.

Abitabiriye bareye hamwe uko umutekano wari wifashe mu mezi 2 ashize, bungurana ibitekerezo byo gukumeza kuwubumbatira ku bufatanye bw'inzego zose n'abaturage.

Inama yitabiriwe n'abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abayobozi ba DASSO, Polisi n'inkeragutabara ku Mirenge, hari hanatumiwe abakozi ba komisiyo y'Amatora



## HABAYE UMWIHERERO W'INTWAZA WO KU RWEGO RW'AKARERE

Tariki 28 Gicurasi 2024 Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge habereye umwiherero wahuje intwaza zigera kuri 48 mu rwego rwo gukomeza kububakamo gahunda y'ubudaheranwa



Uyu mwiherero wayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee unitabirwa na bwana MIZERO Irene akaba n'umufatanyabikorwa wa MINUBUMWE ukorera mu Karere ka Kamonyi, uhagarariye Ibuka UWAYEZU Gilbert hamwe n'abakozi bashinzwe Imibereho Myiza y'abaturage mu Mirenge .



Abitabiriye umwiherero bahawe ubutumwa butandukanye burimo ikiganiro kuri gahunda y'ubudaheranwa n' uburyo bwo kwivura ihungabana.

Abitabiriye umwiherero bafashijwe no kugera ku rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Kamonyi bunamira abahashyinguye banashyira indabo ku rwibutso.







## FXB YASHYIKIRIJE IMIRYANGO Y'ABATISHOBOYE IBIKORESHO BY'IBANZE








Tariki 31 Gicurasi 2024, Mu Murenge wa Musambira, ku bufatanye bw'Akarere ka Kamonyi na FXB Rwanda ku nkunga ya Christine Eggs Umuyobozi Mukuru w'Umuryango FXB ku rwego mpuzamahanga; habereye umuhango wo gushyikiriza imiryango 200 matelas zo kuryamaho aho buri muryango wahawe matelas 2.

Habayeho no gushyikiriza imiryango 150 imirasire y'amatara; ibi byose byakozwe mu rwego rwo kwimakaza umuco w'isuku n'isukura, igikorwa cyitabiriwe n'umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee, FXB Rwanda yari ihagarariwe n'Umuyobozi wayo Bwana KAYITANA Emmanuel.

Mu butumwa bwe Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho myiza Mme Uwiringira Marie Josee, yavuze ko ubu bufasha buzatuma abagenerwabikorwa batera intambwe mu mibereho myiza yabo. Yashimiye ubuyobozi bwa FXB ku bw'iyi nkunga, yizeza ko bazakomeza ubufatanye kugira ngo hamwe n'imiryango itari iya Leta bakomeze gufatanya mu guteza imbere abaturage no guharanira imibereho myiza yabo.

abahawe ubu bufasha bijeje ko bazakoresha neza inkunga bahawe kugira ngo igire icyo ihindura mu buzima bwabo by'umwihariko mu guharanira isuku n'isukura mu Miryango yabo.

# ABAJYANAMA B’UBUZIMA BAHUGUWE KU MIKORERE Y’AMAKOPERATIVE









Ku biro by’Akarere tariki 24 Gicurasi 2024 habereye amahugurwa yitabiriwe n’Umuyobozi w’Akarere Dr. Nahayo Sylvere. Ibi biganiro bikaba byatanzwe na Mme Mukabucyana Laetitia ufite mu nshingano amakoperative, amahugurwa yateguwe mu rwego rwo kongerera ubumenyi n'ubushobozi abayobozi b'amakoperative y'abajyanama b'ubuzima, ubuyobozi bw'Akarere bwahuguye abo bayobozi ku miyoborere inoze, imicungire, ishoramari rya koperative no kwizigama.

Umuyobozi w’Akarere yashimiye aba bayobozi b’amakoperative kubera uruhare rwabo mu mibereho myiza y'abaturage no gufasha umuryango nyarwanda kugira ubuzima bwiza. Mbere yo kwitabira aya mahugurwa n’abayobozi b’amakoperative y’abajyanama b’ubuzima, Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere yaganiriye na ba perezida n'abacungamutungo ba koperative Umurenge SACCO. Muri ibi biganiro n’aba bayobozi hibanzwe ku mikorere iganisha ku guteza imbere #SACCO n'abanyamuryango bazo.

Hagarutswe kandi ku myiteguro y’amatora ya Perezida wa Repubulika ateganyijwe tariki 15.07.2024. Banaganiriye ku myiteguro y'imurikabikorwa riteganyijwe kuva tariki 7-17/06/2024.

# INAMA NYUNGURANABITEKEREZO KU GUKWIRAKWIZA AMASHANYARAZI MU KARERE

Tariki 23 Gicurasi 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Ubukungu bwana NIYONGIRA Uzziel yayoboye ku biro by'Akarere inama nyunguranabitekerezo, abitabiriye bararebera hamwe gahunda yo gukwirakwiza amashanyarazi aturuka ku mirasire y'izuba.





Iyi nama yanitabiriwe n'Umuyobozi wa REG Ishami rya Kamonyi Mme KALISA Rosine.
Iyi nama yitabiriwe n’abakozi ubutaka n’imiturire mu Mirenge bakaba aribo bakurikirana uyu munhigo wo gukwirakwiza amashanyarazi mu Mirenge, ndetse na ba rwiyemezamirimo/ abafatanyabikorwa muri iyi gahunda yo gukwirakwiza inguza z’amashanyarazi ya Off Grid.



Mu nama harebwe aho Akarere kageze mu gushyira mu ngiro uyu muhigo by’umwihariko Imbogamizi zihari kugira ngo ugerweho by’umwihariko harembwe uko hanozwa ubufatanye n’abafatanyabikorwa muri iyi gahunda hakabaho kwihutisha igikorwa amashanyarazi akagera ku baturage.





## UBUYOBOZI BWASUYE AMAKOPERATIVE HAREBWA IMIKORERE YAYO

Tariki 14 Gicurasi 2024, Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere uyu munsi yasuye Koperative COOPRORIZ ABAHUZABIKORWA ikorera mu gishanga cya Mukunguri Umurenge wa Nyamiyaga.



Umuyobozi w'Akarere yaganirije abanyamuryango ba koperative bungurana ibitekerezo ku iterambere ryabo n'irya koperative muri rusange.
Aba banyamuryango barishimira ko bamaze gutera intambwe mu iterambere, bagaragaza ikibazo cy'urugomero rw'amazi abafasha kuhira rwangiritse, ariko ubuyobozi bwizeza ko bugiye kugikurikirana kigakemuka.



Iyi gahunda yanitabiriwe na bamwe mu bagize Inama y'Umutekano itaguye y'Akarere (Umuyobozi wa RIB, Umuyobozi wa NISS mu Karere, Umuyobozi w'Ibiro Bishinzwe Abinjira n'Abasohoka mu Karere, Umuhuzabikorwa wa DASSO mu Karere) n'abakozi mu ishami rifite amakoperative mu nshingano ku Karere.



Abanyamuryango ba koperative basabwe gukomeza guharanira kongera umusaruro bityo imibereho yabo ndetse n'imiryango yabo ikomeze irusheho kuzamuka. Yibukije kandi ko bafite inshingano zo kureba uko bajya basana inzira z'amazi zangijwe kugira ngo Ibiza bitibasira imyaka yabo.
Abahinzi bagejeje ku buyobozi ibibazo n'ibyifuzo byabo, bizezwa ko ibyo bafitiye ubushobozi bizakemurwa naho ibikeneye ubuvugizi navyo bikagezwa mu nzego zibishinzwe.



## GACURABWENGE: KWIBUKA KU NSHURO YA 30 JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994

Mu Murenge wa Gacurabwenge ku rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, habereye igikorwa cyo kwibuka ku Nshuro ya 30 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.
Ni igikorwa cyaranzwe n'ubutumwa bw'abayobozi batandukanye, ubutumwa bunyuze mu ndirimbo, ubuhamya bw'uwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, hatanzwe n'ikiganiro ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, by'umwihariko Amb. Ngarambe Francois Xavier watanze iki kiganiro yagarutse ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi hano mu Karere ka Kamonyi.





Iki gikorwa cyitabiriwe na Minisitiri w'uburezi bwana Twagirayezu Gaspard akaba n'umushyitsi mukuru, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice ari kumwe na bamwe mu bagize inama y'umutekano itaguye y'Intara, intumwa za rubanda mu nteko ishinga amategeko, intumwa ya MINUBUMWE, Komiseri ushinzwe ubukungu muri Ibuka ku rwego rw'Igihugu, inshuti n'abavandimwe baje kwifatanya n'abaturage bo mu Karere ka Kamonyi mu gikorwa cyo kwibuka.
Ku rwego rw'Akarere igikorwa cyitabiriwe n'umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, abayobozi b'Akarere bungirije, abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere, inzego za Ibuka mu Karere n'abandi bayobozi.






Iyi gahunda yaranzwe kandi no gushyingura mu cyubahiro imibiri 42 y'Abatutsi bishwe muri Jenoside yakuwe mu Mirenge itandukanye: harimo imibiri 34 yimuwe mu Murenge wa Rukoma, Imibiri 5 yaturutse mu Murenge wa Rugalika (harimo 3 yimuwe n'imibiri 2 yabonetse), imibiri 2 yabonetse mu Murenge wa Musambira n'umubiri umwe 1 wabonetse mu Murenge wa Kayumbu. Bityo uru rwibutso ubu rukaba ruruhukiyemo imibiri 47,563



## HIZIHIJWE UMUNSI MPUZAMAHANGA W'UMULIMO



Tariki 10 Gicurasi 2024, Abakozi b'Akarere (Akagari, Umurenge no ku Karere), uyu munsi bifatanyije kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umulimo. Ni igikorwa cyaranzwe n'ibiganiro biganisha ku kurushaho kunoza akazi hagamijwe gutanga umusaruro ufatika. Isanganyamatsiko y'uyu mwaka iragira iti" "Imyaka 30: Urubyiruko mu Ihangwa ry'Umurimo".



Muri iyi gahunda hanatowe umukozi wabaye indashyikirwa ku rwego rw'Akarere uwo akaba ari bwana DUSHIMIMANA Anastase, SEDO mu Kagari ka Mukinga anashyikirizwa icyemezo cy'ishimwe.



Igikorwa cyitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe ubukungu bwana Niyonigira Uzziel, Umuyobozi w'Akarere Wunigieje Ushinzwe Imibereho Myiza Mme Uwiringira Marie Josee, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere bwana Abiyingoma Gerard, Umuyobozi w'Imirimo Rusange mu Karere n'abagize inzego z'umutekano mu Karere.









## ABAGIZE URWEGO DASSO BIYEMEJE KUBA ABA MBERE MU GUKUMIRA ICYAHA KITARABA



Tariki 10 Gicurasi 2024 abagize urwego rwunganira Akarere mu gucunga umutekano DASSO bakoze inama biyemeza gukomeza kuba umusingi wo kubaka umutekano urambye, hibandwa ku gukumira icyaha kitaraba bityo, abaturage bagaharanira iterambere n’imibereho myiza mu miryango.



Ibi babitangarije ku biro by’Akarere, mu nama yahuje ubuyobozi bw’Akarere n’abagize DASSO mu Mirenge yose ikaba yarayobowe n’Umuhuzabikorwa wa DASSO mu Karere bwana Kayitakire Theogene ari kumwe n’umuhuzabikorwa wungirije ushinzwe imyitwarire bwana Bayingana ushinzwe imyitwarire myiza (discipline) muri DASSO .



Hagarutswe ku myitwarire n'imyitwafatire biranga DASSO, imikorere n'Imikoranire n’izindi nzego, Amategeko agenga DASSO, Gushaka amakuru no kuyatanga.

Muri iyi nama bunguranye ibitekerezo ku kunoza akazi, imbogamizi bahura nazo ndetse n’uburyo bwo kwishakamo ibisubizo mu rwego rwo gukumira icyaha kitaraba no kunganira Akarere by’umwihariko mu gukomeza gusigasira umutekano.





# UMUGANDA RUSANGE KU RWEGO RW'AKARERE WIBANZE KU GUKORA UMUHANDA GAPERI-MANYANA-KAYUMBU









Tariki 25 Gicurasi 2024 abaturage n'ubuyobozi bw'Akarere bitabiriye umuganda rusange usoza ukwezi nkuko byanakozwe hirya no hino mu gihugu. Uyu muganda rusange wibanze ku gutunganya umuhanda Gaperi-Manyana uhuza Imirenge ya Musambira na Kayumbu wari ufite aho wgiye wangirika mu rwego rwo gutunga ukomeza kuba nyabagendwa. Umuganda wibanze ku gusibura inzira z'amazi,gusana amateme no gusiba ibinogo.

Igikorwa cyitabiriwe n'umuyobozi w'Akarere Dr. Nahayo Sylvere abagize n'inzego z'umutekano ku rwego rw'Akarere ndetse n'umufatanyabikorwa Banki ya Kigali yari ahagarariwe n'abakozi b'iyi Banki ndetse basobanurira abaturage serivisi batanga mu rwego rwo kubafasha kwiteza.

Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Francis Karemera yibukije abatuye i Musambira, abaturage gukomeza gusigasira ibyagezweho, kwicungira umutekano bagira uruhare mu gukumira ibyaha.

Umuyobozi w'Akarere yasabye abaturage kuzitabiria amatora ateganyijwe muri Nyakanga 2024 ndetse abanatanga ubutumwa ku guharanira uburezi n'uburere bw'abana bato.

Banki ya Kigali yakanguriye abaturage gukomeza imikoranire myiza nayo muri serivisi batanga


**Bikozwe na:**

**Faustin NTAKIRUTIMANA**
**"PR & Communications"**